

ITEGEKO N°36/2012 RYO KUWA LAW N°36/2012 OF 21/09/2012
21/09/2012 RIGENGA IHIGANWA MU RELATING TO COMPETITION AND
BUCURUZI NO KURENGERA ABAGUZI CONSUMER PROTECTION

LOI N°36/2012 DU 21/09/2012 RELATIVE
A LA CONCURRENCE ET A LA
PROTECTION DES CONSOMMATEURS

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Iningo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije Article One: Purpose of this Law

Iningo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo Article 2: Definitions of terms

Iningo ya 3: Ibirebwa n'iri tegeko Article 3: Scope of this Law

Iningo ya 4 : Ibitarebwa n'iri tegeko Article 4 : Matters not governed by this Law

Iningo ya 5: Urwego Ngenzuramikorere Article 5: Regulatory Body

UMUTWE WA II: IMIGENZEREZE IBANGAMIYE, IKUMIRA CYANGWA IBUZA IHIGANWA CHAPTER II: PRACTICES UNDERMINING, PREVENTING OR RESTRICTING COMPETITION

Iningo ya 6: Ibikorwa bibangamiye ihiganwa Article 6: Anti-competitive practices

Iningo ya 7: Imigenzereze ibujijwe Article 7: Prohibited practices

Iningo ya 8: Kugaragaza ubwiganze ikigo cy'ubucuruzi gifite ku isoko Article 8: Determination of the dominant position of an enterprise

TABLE DES MATIERES

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet de la présente loi

Article 2: Définitions des termes

Article 3: Champ d'application de la présente loi

Article 4: Matières non régies par la présente loi

Article 5: Organe de Contrôle

CHAPITRE II: PRATIQUES COMPROMETTANT, EMPECHANT OU RESTREIGNANT LE JEU DE LA CONCURRENCE

Article 6: Pratiques anticoncurrentielles

Article 7: Pratiques interdites

Article 8: Détermination de la position dominante d'une entreprise

<u>Iningo ya 9:</u> Gukoresha nabi uwiganze ku isoko	<u>Article 9:</u> Abuse of the dominant position	<u>Article 9:</u> Abus de la position dominante
<u>Iningo ya 10:</u> Igiciro cyo kugurishaho kidahinduka	<u>Article 10:</u> Resale price maintenance	<u>Article 10:</u> Maintien du prix de revente
<u>Iningo ya 11:</u> Imigenzereze igamije gukumira ihiganwa mu bucuruzi	<u>Article 11:</u> Practices meant to prevent competition	<u>Article 11:</u> Pratiques visant à empêcher le jeu de la concurrence
<u>Iningo ya 12:</u> Kubuza ikigo cy'ubucuruzi gifite uwiganze ku isoko gukora ivangura ry'ibiciro	<u>Article 12:</u> Prohibition of price discrimination by a dominant enterprise	<u>Article 12:</u> Interdiction de la discrimination par les prix par une entreprise dominante
<u>Iningo ya 13:</u> Igihe ivangura ry'ibiciro ryemerwa	<u>Article 13:</u> Derogation to the prohibition of price discrimination	<u>Article 13:</u> Dérogation à l'interdiction de la discrimination par les prix
<u>Iningo ya 14:</u> Gusaba impushya	<u>Article 14:</u> Request for authorisation	<u>Article 14:</u> Demande d'autorisation
<u>UMUTWE WA III:</u> KWIBUMBIRA HAMWE	<u>CHAPTER III:</u> MERGERS	<u>CHAPITRE III :</u> FUSIONS
<u>Iningo ya 15:</u> Uko kwibumbira hamwe bikorwa	<u>Article 15:</u> Merger modalities	<u>Article 15:</u> Modalités de fusion
<u>Iningo ya 16:</u> Ibisabwa kugira ngo imenyekanisha ryo kwibumbira hamwe rikorwe	<u>Article 16:</u> Requirements for notification of merger	<u>Article 16:</u> Conditions requises pour la notification de fusion
<u>Iningo ya 17:</u> Imenyekanisha ryo kwibumbira hamwe kugomba kumenyekanishwa	<u>Article 17:</u> Notification of notifiable merger	<u>Article 17:</u> Notification de fusion à déclaration obligatoire
<u>Iningo ya 18:</u> Imigendekere y'ishyirwa mu bikorwa ryo kwibumbira hamwe	<u>Article 18:</u> Proceedings in the implementation of the merger	<u>Article 18:</u> Procédure dans la mise en oeuvre de la fusion
<u>Iningo ya 19:</u> Uko ibyerekeye kwibumbira	<u>Article 19:</u> Merger investigation procedure	<u>Article 19:</u> Procédure d'enquête sur la fusion

hamwe bikurikiranwa

<u>Iningo ya 20:</u> Ibigenderwaho mu isuzuma	<u>Article 20:</u> Criteria for appreciation of the merger	<u>Article 20:</u> Critères d'appréciation de fusion
<u>Iningo ya 21:</u> Kwibumbira hamwe bibangamiye inyungu rusange	<u>Article 21:</u> Merger contrary to public interest	<u>Article 21:</u> Fusion contraire à l'intérêt public
<u>Iningo ya 22:</u> Ibigenderwaho mu isuzuma ryo kwibumbira hamwe kubangamiye inyungu rusange	<u>Article 22:</u> Criteria for appreciation of a merger contrary to the public interest	<u>Article 22:</u> Critères d'appréciation d'une fusion contraire à l'intérêt public
<u>Iningo ya 23:</u> Ingamba zo kurwanya kwibumbira hamwe kubangamiye inyungu rusange	<u>Article 23:</u> Measures against a merger contrary to the public interest	<u>Article 23:</u> Mesures contre une fusion contraire à l'intérêt public
<u>Iningo ya 24:</u> Ingaruka ku cyemezo cyafashwe mu kurwanya kwibumbira hamwe kubangamiye inyungu rusange	<u>Article 24:</u> Consequences related to the decision taken to prevent a merger contrary to the public interest	<u>Article 24:</u> Conséquences liées à la décision prise en vue d'empêcher une fusion contraire à l'intérêt public
<u>Iningo ya 25:</u> Kumenyekanisha, guhindura cyangwa gukuraho icyemezo	<u>Article 25:</u> Notification, amendment or revocation of the decision	<u>Article 25:</u> Notification, modification ou révocation de la décision
<u>UMUTWE WA IV: GUKORA IPEREREZA</u>	<u>CHAPTER IV: CONDUCT OF INVESTIGATION</u>	<u>CHAPITRE IV: REALISATION D'UNE ENQUETE</u>
<u>Iningo ya 26:</u> Gusaba ko hakorwa iperereza	<u>Article 26:</u> Request for investigation	<u>Article 26:</u> Demande d'enquête
<u>Iningo ya 27:</u> Kujya inama n'abasabye ko hakorwa iperereza	<u>Article 27:</u> Consultations with persons who requested for investigation	<u>Article 27:</u> Consultations des personnes ayant demandé une enquête
<u>Iningo ya 28:</u> Gusaba ko amakuru agirwa ibanga	<u>Article 28:</u> Request for confidentiality	<u>Article 28:</u> Demande de confidentialité

<u>Iningo ya 29:</u> Uko iperereza rikorwa n'Urwego ngenzuramikorere	<u>Article 29:</u> Investigation procedure by the Regularoty Body	<u>Article 29:</u> Procédure d'enquête par l'Organe de Contrôle
<u>Iningo ya 30:</u> Abakozi bashinzwe iperereza	<u>Article 30:</u> Investigative officers	<u>Article 30:</u> Enquêteurs
<u>Iningo ya 31:</u> Ububasha bw'abakozi bashinzwe iperereza	<u>Article 31:</u> Powers of investigative officers	<u>Article 31:</u> Pouvoirs des enquêteurs
<u>Iningo ya 32:</u> Imenyesha ry'imyanzuro y'iperereza	<u>Article 32:</u> Notification of investigation findings	<u>Article 32:</u> Notification des conclusions de l'enquête
<u>UMUTWE WA V:</u> KURENGERA ABAGUZI	<u>CHAPTER V:</u> CONSUMER PROTECTION	<u>CHAPITRE V:</u> PROTECTION DES CONSOMMATEURS
<u>Iningo ya 33:</u> Inshingano yo guha umuguzi amakuru	<u>Article 33:</u> Obligation to inform the consumer	<u>Article 33:</u> Obligation d'informer le consommateur
<u>Iningo ya 34:</u> Ibangamirwa ry'umuguzi	<u>Article 34:</u> Prejudice to the consumer	<u>Article 34:</u> Préjudice au Consomateur
<u>Iningo ya 35:</u> Kugaragaza ibiciro	<u>Article 35:</u> Display of prices	<u>Article 35:</u> Affichage des prix
<u>Iningo ya 36:</u> Izina, igaragazagaciro n'ibigize ibicuruzwa na serivisi	<u>Article 36:</u> Denomination, labeling and composition of products and services	<u>Article 36:</u> Dénomination, étiquetage et composition des produits et des services
<u>Iningo ya 37:</u> Imigenzereze ibujijwe mu bucuruzi	<u>Article 37:</u> Practices prohibited in business	<u>Article 37:</u> Pratiques interdites dans le commerce
<u>Iningo ya 38:</u> Iyamamaza ribujijwe	<u>Article 38:</u> Prohibited advertising	<u>Article 38:</u> Publicité interdite
<u>Iningo ya 39:</u> Iyamamaza rigereranya ibicuruzwa	<u>Article 39:</u> Comparative advertising	<u>Article 39:</u> Publicité comparative
<u>Iningo ya 40:</u> Gutanga inyemezabuguzi	<u>Article 40:</u> Invoicing	<u>Article 40:</u> Facturation
<u>Iningo ya 41:</u> Kubahiriza amasezerano	<u>Article 41:</u> Compliance with the contract	<u>Article 41:</u> Conformité au contrat

<u>Iningo ya 42:</u> Uburenganzira bw'umuguzi	<u>Article 42:</u> Consumer rights	<u>Article 42 : Droits du consommateur</u>
<u>Iningo ya 43:</u> Ibihe ntarengwa	<u>Article 43:</u> Time limits	<u>Article 43 : Délais</u>
<u>Iningo ya 44:</u> Ubwishingire	<u>Article 44:</u> Guarantee	<u>Article 44: Garantie</u>
<u>Iningo ya 45:</u> Serivisi zitangwa nyuma yo kugurisha	<u>Article 45:</u> After sale services	<u>Article 45: Services après-vente</u>
<u>Iningo ya 46:</u> Ibyubahirizwa mu kugenzura uburyo ibicuruzwa na serivisi bigezwa ku baguzi	<u>Article 46:</u> Criteria for evaluation of delivery of goods and services to consumers	<u>Article 46:</u> Critères d'évaluation de la fourniture des biens et services aux consommateurs
<u>Iningo ya 47:</u> Umutekano w'ibicuruzwa	<u>Article 47:</u> Goods safety	<u>Article 47:</u> Sécurité des produits
<u>Iningo ya 48:</u> Ibisabwa n'ubuziranenge byerekeye ibicuruzwa	<u>Article 48:</u> Product quality standards	<u>Article 48:</u> Normes de qualité des produits
<u>Iningo ya 49:</u> Ibicuruzwa byangiza cyangwa byangiritse	<u>Article 49:</u> Unsafe or defective goods	<u>Article 49:</u> Produits dangereux ou défectueux
<u>Iningo ya 50:</u> Kuregera indishyi	<u>Article 50:</u> Civil actions for damages	<u>Article 50:</u> Actions civiles en dommages et intérêts
<u>UMUTWE WA VI:</u> KUTUBAHIRIZA IRI ITEGEKO N'IBIHANO	<u>CHAPTER VI:</u> VIOLATION OF THIS LAW AND SANCTIONS	<u>CHAPITRE VI:</u> VIOLATION DE LA PRÉSENTE LOI ET SANCTIONS
<u>Iningo ya 51:</u> Kutubahiriza ibijyanye n'ihamagarwa	<u>Article 51:</u> Non-compliance with the invitation to appear	<u>Article 51 :</u> Non-respect d'une convocation
<u>Iningo ya 52:</u> Ibihano by'ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi bijyanye n'amakosa yakozwe	<u>Article 52:</u> Administrative fines with regard to the committed faults	<u>Article 52:</u> Amendes administratives en rapport avec des fautes commises
<u>Iningo ya 53:</u> Ibihano byerekeye kwibumbira hamwe kutemewe n'amategeko	<u>Article 53:</u> Sanctions in case of illegal merger	<u>Article 53:</u> Sanctions en cas de fusion illégale

<u>Ingingo ya 54:</u> Ibihano bijyanye no gukoresha nabi ubwiganze ku isoko	<u>Article 54:</u> Sanctions in case of abuse of dominant position	<u>Article 54:</u> Sanctions en cas d'abus de position dominante
<u>Ingingo ya 55:</u> Ibindibihano	<u>Article 55:</u> Other sanctions	<u>Article 55:</u> Autres sanctions
<u>Ingingo ya 56:</u> Kwitabaza inkiko	<u>Article 56:</u> Recourse to courts of law	<u>Article 56:</u> Recours aux juridictions
<u>UMUTWE WA VII:</u> INGINGO ZISOZA	<u>CHAPTER VII:</u> FINAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE VII:</u> DISPOSITIONS FINALES
<u>Ingingo ya 57:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko	<u>Article 57:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law	<u>Article 57:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi
<u>Ingingo ya 58:</u> Ivanwaho ry'itegeko-teka n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	<u>Article 58:</u> Repealing provision	<u>Article 58:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 59:</u> Igihe itegeko ritangira gukurikizwa	<u>Article 59:</u> Commencement	<u>Article 59:</u> Entrée en vigueur

**ITEGEKO N°36/2012 RYO KUWA LAW N°36/2012 OF 21/09/2012 LOI N°36/2012 DU 21/09/2012 RELATIVE A
21/09/2012 RIGENGA IHIGANWA MU RELATING TO COMPETITION AND LA CONCURRENCE ET A LA
BUCURUZI NO KURENGERA ABAGUZI CONSUMER PROTECTION PROTECTION DES CONSOMMATEURS**

**Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;**

**We, KAGAME Paul,
President of the Republic;**

**Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO
YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIE,
DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA
KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA
MU IGAZETI YA LETA YA
REPUBLIKA Y'U RWANDA**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED
AND WE SANCTION, PROMULGATE
THE FOLLOWING LAW AND ORDER
IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL
GAZETTE OF THE REPUBLIC OF
RWANDA**

**LE PARLEMENT A ADOpte ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA
LOI DONT LA TENEUR SUIT ET
ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE
AU JOURNAL OFFICIEL DE LA
REPUBLIQUE DU RWANDA**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 19 Kamena 2012;

Umutwe wa Sena mu nama yawo yo kuwa 28 Gashyantare 2012;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89 , iya 90, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108, n'iya 201;

Ishingiye ku Itegeko ryerekeye ihiganwa mu Muryango w'Ibihugu bya Afurika y'Iburasirazuba ryo muri 2006;

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 19 June 2012;

The Senate, in its session of 28 February 2012;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108 and 201;

Pursuant to the East African Community Competition Act of 2006;

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 19 juin 2012;

Le Sénat, en sa séance du 28 février 2012 ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 4 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108 et 201;

Vu la Loi de 2006 sur la concurrence au sein de la Communauté de l'Afrique de l'Est ;

Ishingiye ku Itegeko n° 35/91 ryo kuwa 05/08/1991 ryerekeye imitunganyirize y'ubucuruzi mu gihugu nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

Ishingiye ku Itegeko n° 07/2009 ryo kuwa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

Ishingiye ku Itegeko n° 12/2009 ryo kuwa 26/05/2009 ryerekeye izahura ry'ubucuruzi n'irangiza ry'ibibazo biturutse ku gihombo;

Isubiye ku Itegeko-teka n° 41/63 ryo kuwa 24/02/1950 rigena ibihano by'ipiganwa ritemewe n'amategeko;

Pursuant to Law n°35/91 of 05/08/1991 on the organisation of domestic trade as modified and complemented to date;

Pursuant to Law n° 07/2009 of 27/04/2009 relating to companies as modified and complemented to date;

Pursuant to Law n° 12/2009 of 26/05/2009 relating to commercial recovery and settling of issues arising from insolvency;

Having reviewed Decree-law n° 41/63 of 24/02/1950 relating to the punishment of unfair competition;

Vu la Loi n° 35/91 du 5 août 1991 portant organisation du commerce intérieur telle que modifiée et complétée à ce jour ;

Vu la Loi n° 07/2009 du 27/04/2009 relative aux sociétés commerciales telle que modifiée et complétée à ce jour;

Vu la Loi n° 12/2009 du 26/05/2009 relative au redressement commercial et au règlement des problèmes d'insolvabilité;

Revu le Décret-loi n°41/63 du 24/02/1950 relatif à la répression de la concurrence déloyale ;

YEMEJE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Iningo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rigamije gushyigikira ihiganwa mu rwego rw'ubukungu ribuza imigenzerezee inyuranyije n'imigendekere isanzwe kandi inyuze mu kuri mu byerekeye ubucuruzi. Rigamije kandi guteza imbere no kurinda inyungu z'abaguzi.

ADOPTS:

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

This Law aims at encouraging competition in the economy by prohibiting practices that undermine the normal and fair course of competition practices in commercial matters. It also aims at ensuring consumer's interests promotion and protection.

ADOPTE:

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet de la présente loi

La présente loi a pour objet d'encourager la concurrence dans l'économie en interdisant des pratiques qui portent atteinte au cours normal et juste de la concurrence commerciale. Elle vise également à assurer la promotion et la protection des intérêts des consommateurs.

Iningo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko amagambo akurikira asobanura ibi bikurikira:

- 1° **amasezerano yo kugeza ibicuruzwa na serivisi ku baguzi:** amasezerano atuma umuntu ugemura yiyemeza gushyikiriza cyangwa kugeza ibicuruzwa cyangwa serivisi ku baguzi binyuze mu buryo bw'igurisha, igurana, ubukode cyangwa ikodeshagurisha n'ibindi bifitanye isano n'ubucuruzi;
- 2° **amasezerano y'ubuguzi:** amasezerano atuma umuguzi abona ibicuruzwa cyangwa serivisi;
- 3° **ibicuruzwa cyangwa serivisi:** ibicuruzwa cyangwa serivisi ubusanze umuntu abona kugira ngo abikoreshe we ubwe, mu rugo cyangwa mu muryango;
- 4° **ihiganwa:** guhatana mu rwego rw'ubukungu gukorwa hagati y'ibigo bibiri cyangwa byinshi bitandukanye kandi bihanganye bikora ibikorwa by'ubucuruzi bimwe cyangwa bifitanye isano ku isoko rimwe;
- 5° **ikigo cy'ubucuruzi:** umuntu ku giticye, ikigo icyo ari cyo cyose, ubufatanye, isosiyete, ikigo

Article 2: Definitions of terms

In this Law, the following terms shall have the following meanings:

- 1° **supply contract:** a contract under which a supplier agrees to supply goods or provide services to consumers by way of sale, exchange, rental or leasing and any other business-related form;
- 2° **sale contract :** contract under which the consumer acquires goods or services;
- 3° **goods or services:** goods or services ordinarily acquired for personal, domestic or for use within a household or family;
- 4° **competition:** economic competition of two or more separate enterprises engaged, on the same market, in identical or similar commercial activities;
- 5° **enterprise:** any individual, firm, partnership, corporation, company, associations or other legal person,

Article 2: Définitions des termes

Dans la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

- 1° **contrat de fournitures:** contrat par lequel un fournisseur s'engage à fournir des biens ou à prêter des services aux consommateurs par voie de vente, d'échange, de location ou de location-vente ou de toute autre forme d'opération commerciale;
- 2° **contrat de vente :** contrat par lequel le consommateur acquiert des biens ou des services;
- 3° **biens ou services :** produits ou services ordinairement acquis pour un usage personnel, domestique ou pour un usage au sein du ménage ou de la famille ;
- 4° **concurrence:** compétition économique entre deux ou plusieurs entreprises distinctes et rivales qui exercent, sur un même marché, des activités commerciales identiques ou similaires;
- 5° **entreprise:** toute personne physique, firme, partenariat, compagnie, société, associations ou autre personne morale,

cy'ubucuruzi, amashyirahamwe cyangwa ikigo gifite ubuzima gatozi, gikora imirimo y'ubucuruzi igamije inyungu cyangwa ighembo, harimo n'amashami yacyo, ibigo bigishamikiyeho cyangwa ibindi bigo bigenzurwa nacyo mu buryo buziguye cyangwa butaziguye;

6° **ikigo cy'ubucuruzi kigira uwiganze ku isoko:** ikigo ubwacyo cyangwa gifatanyije n'ikindi kigo cy'ubucuruzi gifite umwanya ugiha imbaraga zo mu rwego rw'ubukungu bikagifasha gukorera ku isoko nta nzitizi zituruka ku bandi bantu cyangwa ibindi bigo bihanganye cyangwa bishobora guhangana mu ihiganwa;

7° **imigenzereze inyuranyije n'ihiganwa:** imiyitwarire ishobora kubangamira ubwisanzure mu ihiganwa ku isoko;

8° **kwibumbira hamwe:** kubona mu buryo buziguye, butaziguye cyangwa gushyiraho uburyo bwo kugira inyungu mu kugenzura, bikorwa n'abantu babiri cyangwa benshi, ubucuruzi bwose cyangwa igice cyabwo bw'umuntu muhuriye mu ihiganwa, ubw'umucuruzi ugeza ibicuruzwa ku muguzi cyangwa undi muntu iyo izo nyungu zo kugenzura zibonetse;

engaged in commercial activities for gain or reward, including their branches, subsidiaries, affiliates or other entities directly or indirectly controlled by them;

exerçant des activités commerciales en vue d'un bénéfice ou d'une rétribution y compris leurs succursales, filiales, sociétés affiliées ou autres entités contrôlées directement ou indirectement par elles;

6° **dominant enterprise:** an enterprise which enjoys, either alone or in partnership with another enterprise, a dominant position on the market without any other obstacle from either other persons or companies that are or can get involved in competition;

6° **entreprise dominante:** une entreprise qui occupe, seule ou en partenariat avec une autre entreprise, une position dominante sur le marché sans aucun obstacle de la part d'autres personnes ou entreprises participant ou pouvant participer à la concurrence;

7° **anti-competitive conduct:** a conduct which may restrain free competition in the market;

7° **pratique anticoncurrentielle:** une conduite qui peut fausser le libre jeu de la concurrence sur le marché;

8° **merger:** the direct or indirect acquisition or establishment of a controlling interest by two or more persons in the whole or part of the business of a competitor, supplier or any other person in case there is such an interest to be controlled;

8° **fusion :** l'acquisition directe ou indirecte ou établissement d'une participation majoritaire par deux ou plusieurs personnes de l'ensemble ou d'une partie de l'entreprise d'un concurrent, fournisseur ou d'une autre personne s'il existe une telle participation majoritaire;

9° **Minisitiri**: Minisitiri ufile ubucuruzi mu nshingano ze ;

10° **ubwiganzé ku isoko**: umwanya ufitwe n'ikigo ukagiba ingufu kurusha ibindi rimwe na rimwe zibangamiye ibindi bigo byaba mu kugenzura isosiyete cyangwa isoko;

11° **umuguzi**: umuntu ugura, uhabwa ikintu cyangwa serivisi ukoresha ikintu we ubwe, cyangwa ku nyungu z'umuryango ku mpamvu zitari iz'ubucuruzi;

12° **Urwego Ngenzuramikorere**: urwego rwa Leta rushinzwe kugenzura ihiganwa mu bucuruzi no kurengera umuguzi.

Iningo ya 3: Ibirebwa n'iri tegeko

Igikorwa icyo ari cyo cyose cyo mu rwego rw'ubukungu gikorerwa cyangwa gitanga umusaruro mu Rwanda kirebwa n'iri tegeko.

Leta, ibigo biyishamikiyeho cyangwa ibigo ifitemo imigabane byubahiriza ibikubiye muri iri tegeko iyo ibikorwa byabyo by'ubucuruzi bigamije gutunganya, kugeza ibicuruzwa ku baguzi, gukwirakwiza ibicuruzwa cyangwa gutanga serivisi izo ari zo zose ku masoko yo mu Rwanda ibindi bigo by'ubucuruzi bishobora kugiramo uruhare. Ibikubiye muri

9° **Minister**: the Minister in charge of commerce;

10° **dominant position**: situation of a company that exerts a major influence, sometimes abusive, in the control of a corporation or of the market;

11° **consumer**: a person who purchases or acquires a commodity or a service for personal or family use for non-commercial purposes;

12° **Regulatory Body**: a public body responsible for regulating commercial competition and ensuring consumer protection.

Article 3: Scope of this Law

This Law shall apply to any economic activity carried out or having an effect within Rwanda.

The Government, parastatals or companies in which the Government holds shares shall be bound by the provisions of this Law insofar as their business activities are intended to produce, supply, distribute goods or provide any services on the market in Rwanda which is open to participation by other enterprises. The provisions of this Paragraph shall apply

9° **Ministre**: le Ministre ayant le commerce dans ses attributions;

10° **position dominante**: situation d'une entreprise qui exerce une influence prépondérante, parfois abusive dans le contrôle d'une compagnie ou du marché ;

11° **consommateur**: une personne qui achète ou acquiert un bien ou service pour usage personnel ou familial à des fins non commerciales;

12° **Organe de Contrôle**: organe public chargé de réguler la concurrence commerciale et d'assurer la protection du consommateur.

Article 3: Champ d'application de la présente loi

La présente loi s'applique à toute activité économique exercée ou ayant un effet à l'intérieur du Rwanda.

L'Etat, les entreprises parastatales ou les entreprises dans lesquelles l'Etat détient des actions sont liés par les dispositions de la présente loi pour autant que leurs activités commerciales visent la production, la fourniture, la distribution des biens ou la prestation des services sur le marché au Rwanda ouvert à la participation d'autres entreprises. Les

iki gika byubahirizwa iyo bitanyuranyije
n'andi mategeko.

only if they are not contrary to other legal provisions.

dispositions du présent alinéa ne s'appliquent que si elles ne sont pas contraires aux autres dispositions légales.

Iningo ya 4 : Ibitarebwa n'iri tegeko

Iri tegeko ntirireba ibi bikurikira:

- 1° ibikorwa by'abakozi bigamije kurengera inyungu zabo bwite nk'abakozi;
- 2° ibikorwa byumvikanyweho mu mishyikirano rusange mu izina ry'abakoresha n'abakozi hagamijwe gushyiraho uburyo n'amabwiriza yerekeye umurimo;
- 3° ibikorwa by'ingaga z'umurimo z'abakozi cyangwa by'andi mashyirahamwe bigamije guteza imbere uburyo bw'imikorere y'abanyamuryango bayo;
- 4° ibikubiye mu masezerano ayo ari yo yose yerekeye by'umwihariko imikoreshereze, impushya cyangwa itangwa ry'uburenganzira bishingiye, cyangwa hakurikijwe ibyerekeye uburenganzira bw'umuhanzi, impamyabuvumbuzi cyangwa ikirango cy'ubucuruzi;

Article 4 : Matters not governed by this Law

This Law shall not apply to the following matters:

Article 4: Matières non régies par la présente loi

La présente loi ne s'applique pas à ce qui suit:

- 1° activities of employees meant to provide their own reasonable protection as employees;
- 2° arrangements for collective negotiations on behalf of employers and employees for the purpose of fixing terms and conditions of employment;
- 3° activities of trade unions or other associations meant to advance the conditions of employment of their members;
- 4° elements of any agreement which relate exclusively to the use, licence or assignment of rights under, or existing by virtue of, any copyright, patent or trademark;

- 1° activités des employés destinées à assurer leur propre protection en tant qu'employés;
- 2° accords de négociation collective au nom des employeurs et employés aux fins de la définition des conditions et termes d'emploi;
- 3° activités des syndicats ou autres associations visant à promouvoir les conditions d'emploi de leurs membres;
- 4° éléments de tout accord ayant exclusivement trait à l'usage, la licence ou la cession de droits dans le cadre ou existant en vertu de tout droit d'auteur, brevet d'invention ou marque déposée;

5° ibikorwa byemewe mu buryo buzwi cyangwa ibikorwa bisabwa hakurikijwe amasezerano u Rwanda rwashyizeho umukono;

6° ibikorwa by'ingaga z'umurimo z'abakozi cyangwa by'andi mashyirahamwe byerekeye ingamba zo gushyigikira no gushyira mu bikorwa ibisabwa n'ubuziranenge mu mikorere biba ari ngombwa mu kurengera abaturage;

7° ibindi bikorwa by'ubucuruzi bitarebwa n'iri tegeko bigenwa n'Iteka rya Minisitiri bibaye ngombwa.

5° activities expressly approved or required under a treaty or agreement to which Rwanda is a party;

6° activities of trade unions or other associations with regard to strategies meant for promoting and respecting the standards set to protect the population;

7° all other business activities not governed by this Law that may be determined by an Order of the Minister if the need arises.

5° activités expressément autorisées ou requises en vertu d'un traité ou accord auquel le Rwanda est partie ;

6° activités des syndicats ou d'autres associations en ce qui concerne les stratégies de promotion et de respect des normes définies pour la protection de la population ;

7° toutes autres activités commerciales non régies par la présente loi qui sont déterminées, en cas de besoin, par arrêté du Ministre.

Iningo ya 5: Urwego Ngenzuramikorere

Itegeko rishyiraho urwego ngenzuramikorere rushinzwe gukurikirana ihiganwa mu bucuruzi no kurengera abaguzi.

UMUTWE WA II: IMIGENZEREZE IBANGAMIYE, IKUMIRA CYANGWA IBUZA IHIGANWA

Iningo ya 6: Ibikorwa bibangamiye ihiganwa

Amasezerano ayo ari yo yose, ibyemezo n'imigenzereze byumvikanyweho hagamijwe kubangamira, gukumira, kuba cyangwa kurogoya ihiganwa mu bucuruzi birabujijwe.

Article 5: Regulatory Body

A law establishes a Competition and Consumer Protection Regulatory Body.

CHAPTER II: PRACTICES UNDERMINING, PREVENTING OR RESTRICTING COMPETITION

Article 6: Anti-competitive practices

Any form of agreements, decisions and concerted practices which have as their object the undermining, prevention, restrictions or distortion of competition shall be prohibited.

Article 5: Organe de Contrôle

Un Organe de Contrôle chargé de réguler la concurrence et d'assurer la protection des consommateurs est créé par une loi.

CHAPITRE II: PRATIQUES COMPROMETTANT, EMPECHANT OU RESTREIGNANT LE JEU DE LA CONCURRENCE

Article 6: Pratiques anticoncurrentielles

Toute forme d'accords, de décisions et de pratiques concertées ayant pour objet de compromettre, d'empêcher, de restreindre ou de fausser le jeu de la concurrence est interdite.

Iningo ya 7: Imigenzereze ibujije

Imigenzereze ikurikira igamije kubangamira ihiganwa irabujije:

- 1° amasezerano yaba ayanditse, atanditse cyangwa ubwumvikane ubwo ari bwo bwose, bigamije gushyiraho ibiciro, kubangamira cyangwa kubuza kugurisha, kugeza ku baguzi cyangwa kugura ibicuruzwa, kwishyura serivisi hagati y'abantu, cyangwa kubangamira uburyo bwo kugurisha, kugeza ku baguzi cyangwa kugurisha hagati y'abantu bakora ibikorwa byo kugurisha ibicuruzwa byaguzwe cyangwa byo gutanga serivisi;
- 2° kugabanya cyangwa kugenzura ikorwa ry'ibicuruzwa, aho bigurishwa, iterambere muri tekiniki cyangwa ishoramari;
- 3° kugabana amasoko cyangwa ahantu ibicuruzwa bituruka;
- 4° gushyiraho ku bantu bakorana ubucuruzi ibisabwa bitangana ku byatanzwe bimwe bigatuma habaho ubusumbane mu ihiganwa;
- 5° gusaba ko mu gihe cy'igurisha umuguzi yemera izindi nshingano zidafite aho zihuriye n'ikiguzwe

Article 7: Prohibited practices

The following anti-competitive practices shall be prohibited:

- 1° agreements, whether written, non-written or any other form of agreement designed to fix prices, hinder or prevent the sale, supply or purchase of goods or services between persons, or restrict the terms and conditions of sale or supply or purchase between persons engaged in the sale of purchased goods or services;
- 2° limit or control production of goods, markets, technical development or investment;
- 3° share markets or sources of supply of goods;
- 4° apply in respect of the trading partners of dissimilar conditions to equivalent transactions thereby placing them at a competitive disadvantage;
- 5° request that during the trading, the consumer accepts other obligations different from what has been

Article 7: Pratiques interdites

Les pratiques anticoncurrentielles suivantes sont interdites:

- 1° les accords écrits, non-écrits ou toute autre forme d'accord visant à fixer des prix, entraver ou empêcher la vente, la fourniture ou l'achat des biens ou services entre les personnes ou restreindre les conditions de vente ou de fourniture ou d'achat entre les personnes impliquées dans la vente des biens ou services achetés;
- 2° limiter ou contrôler la production de biens, les débouchés, le développement technique ou les investissements;
- 3° partager les marchés ou les sources d'approvisionnement de biens;
- 4° appliquer à l'égard des partenaires commerciaux des conditions inégales à des prestations équivalentes en leur infligeant de ce fait un désavantage dans la concurrence ;
- 5° exiger que, pendant la vente, le consommateur accepte des prestations supplémentaires différentes de ce qui a

hakurikijwe imiterere yazo cyangwa imigenzo isanzwe mu bucuruzi;	purchased by their nature or according to commercial usage;	été acheté de par leur nature ou selon les usages commerciaux;
6° gupiganira amasoko mu buryo bwumvikanyweho no gutanga ibiciro mu buryo bw'uburiganya;	6° collusive tendering and bid-rigging;	6° faire des soumissions collusives et truquage des offres de marché;
7° gushyiraho imbibi ku bintu bigurishwa n'ibikorwa;	7° allocation of quotas as to sales and production;	7° fixer une allocation des quotas de vente et de production;
8° gushyiraho ingamba zihuriweho kugira ngo ibyumvikanyweho bishyirwe mu bikorwa;	8° collective action to enforce arrangements;	8° mener une action collective pour faire respecter des accords;
9° kumvikana kudaha ibicuruzwa cyangwa serivisi umuguzi runaka cyangwa kutagura ibicuruzwa cyangwa serivisi ku mucuruzi runaka;	9° concerted refusals to supply goods or services to any potential consumer or not to purchase goods or services from a potential supplier;	9° opposer des refus concertés de fournir de biens ou services à un consommateur potentiel ou de ne pas acheter des biens ou services d'un fournisseur potentiel ;
10° gufatanya kwangira abandi kugira uruhare ku gikorwa runaka cyangwa ishyirahamwe bifite uruhare rugaragara mu ihiganwa.	10° collective denials of access to an arrangement or association which is crucial to competition.	10° opposer des refus collectifs d'accéder à un accord ou une association qui est indispensable à la concurrence.

Amasezerano akozwe ashingiye kuri ibi bikorwa ntiyemewe kandi nta gaciro agira.

Cyakora ibiteganywa muri iyi ngingo ntibireba ibigo by'ubucuruzi bikorera hamwe nk'ikigo kimwe, bigenzurirwa hamwe cyangwa iyo bidashobora gukora kimwe kitari kumwe n'ikindi.

Agreements made based on these practices shall be null and void.

However, provisions of this Article shall not apply to enterprises dealing with each other in the context of a common entity wherein they are under common control or where they are otherwise not able to act independently of each other.

Les accords conclus en rapport avec ces pratiques sont nuls et non avenus.

Toutefois, les dispositions du présent article ne s'appliquent pas aux entreprises travaillant ensemble dans le contexte d'une entité commune où elles sont sous contrôle commun ou si elles ne peuvent être en mesure d'agir indépendamment les unes des autres.

Iningo ya 8: Kugaragaza ubwiganze ikigo cy'ubucuruzi gifite ku isoko

Kugira ngo hagaragazwe ko ikigo cy'ubucuruzi gifite ubwiganze ku isoko hitabwa ku bantu bikurikira:

- 1° isoko gifiteho uruhare rigenwa hakurikijwe ibicuruzwa n'aho bicururizwa;
- 2° icyiciro cy'ihiganwa ririho cyangwa rishobora kubaho hakurikijwe umubare w'abahiganwa, ubushobozi bwo gutunganya ibicuruzwa n'ibicuruzwa bikenewe ku isoko;
- 3° imbogamizi abahiganwa bahura na zo;
- 4° amateka y'ihiganwa n'uguhangana hagati y'abahiganwa mu rwego rw'ibikorwa.

Iningo ya 9: Gukoresha nabi ubwiganze ku isoko

Ikigo cy'ubucuruzi gifite ubwiganze ku isoko kiba kibangamira ihiganwa iyo:

- 1° gikumira cyangwa gishobora gukumira ikigo cy'ubucuruzi icyo ari cyo cyose ku isoko iryo ari ryo ryose;
- 2° kibuza cyangwa gica intege cyangwa

Article 8: Determination of the dominant position of an enterprise

In determining whether an enterprise is in a dominant position, consideration shall be given to the following:

- 1° relevant market defined in terms of both its product and geographic dimensions;
- 2° level of actual or potential competition in terms of number of competitors, production capacity and demand;
- 3° barriers to the entry of competitors;
- 4° background of competition and rivalry between competitors in the sector of activity.

Article 9: Abuse of the dominant position

Any enterprise of a dominant position is deemed to harm competition if it:

- 1° restricts, or likely to restrict, the entry of any enterprise in any market;
- 2° prevents or deters, or is likely to

Article 8: Détermination de la position dominante d'une entreprise

Lorsqu'on détermine si une entreprise est en position dominante, il est tenu compte des points suivants:

- 1° un marché approprié défini en fonction du produit et de sa dimension géographique ;
- 2° un niveau de concurrence réelle ou potentielle en fonction du nombre de concurrents, de la capacité de production et de la demande ;
- 3° des obstacles à l'entrée des concurrents ;
- 4° un historique de la concurrence et de la rivalité entre concurrents dans le secteur d'activité.

Article 9: Abus de la position dominante

Une entreprise en position dominante est considérée comme nuisant à la concurrence au cas où elle:

- 1° restreint ou est de nature à restreindre l'entrée d'une quelconque entreprise sur un marché quelconque;
- 2° empêche ou dissuade, ou est de nature à

- | | | |
|---|---|--|
| <p>gishobora kubaza cyangwa guca
integre ikigo cy'ubucuruzi icyo ari cyo
cyose mu ihiganwa ku isoko;</p> <p>3° cyigijeyo cyangwa gikuye, cyangwa
gishobora kwigizayo cyangwa gukura
ikigo icyo ari cyo cyose ku isoko;</p> <p>4° gitumye habaho mu buryo buziguye
cyangwa butaziguye ibiciro bidakwiye
byo kugura cyangwa kugurisha
cyangwa indi migenzereze yo
gukumira;</p> <p>5° kigabanyije ibicuruzwa bitunganywa
cyangwa serivisi zitangwa ku isoko
mu buryo bubangamiye abaguzi;</p> <p>6° gifite inyungu mu masezerano
kikagirana ayo masezerano n'undi
muntu cyangwa ikindi kigo
cy'ubucuruzi gifite inyungu muri ayo
masezerano, cyangwa kigashyiraho
inshingano z'inyyongera zidafitanye
isano n'impamvu y'amasezerano
kubera imiterere yazo cyangwa
uruhare rwazo mu rwego
rw'ubucuruzi;</p> <p>7° kigize uruhare mu gikorwa
cy'ubucuruzi icyo ari cyo cyose
gishobora gutuma abaguzi bacyo
cyangwa abakigezaho ibicuruzwa
bakoreshwu nabi, hagamijwe</p> | <p>prevent or deter, any enterprise from
engaging in competition in the
market;</p> <p>3° eliminates or removes or is likely to
eliminate or remove, any enterprise
from the market;</p> <p>4° directly or indirectly imposes unfair
purchase or selling prices or other
restrictive practices;</p> <p>5° limits the production of goods or
services for a market to the prejudice
of consumers;</p> <p>6° as a party to an agreement makes the
conclusion of such agreement subject
to acceptance by another party or
supplementary obligations which, by
their nature or according to
commercial usage, have no
connection with the subject of the
agreement;</p> <p>7° engages in any business activity that
results in the exploitation of its
customers or suppliers, so as to
frustrate the benefits expected from
competition in the market.</p> | <p>empêcher ou dissuader une entreprise
quelconque de se livrer à la concurrence
sur le marché;</p> <p>3° élimine ou supprime ou est de nature à
éliminer ou à supprimer une entreprise
quelconque du marché;</p> <p>4° impose directement ou indirectement
des prix d'achat ou de vente non
équitables ou d'autres pratiques
restrictives;</p> <p>5° limite la production des biens ou
services pour un marché au préjudice
des consommateurs;</p> <p>6° subordonne, en tant que partie à un
accord, la conclusion de cet accord à
l'acceptation de l'autre partie ou des
prestations supplémentaires qui, par leur
nature ou selon les usages
commerciaux, n'ont aucun lien avec
l'objet de cet accord ;</p> <p>7° se livre à toute activité ayant pour
résultat l'exploitation de ses clients ou
fournisseurs, de manière à
compromettre les avantages escomptés
de la concurrence sur le marché.</p> |
|---|---|--|

kubangamira inyungu ziba zitegerezwe
mu gupiganira isoko.

Iningo ya 10: Igiciro cyo kugurishaho Article 10: Resale price maintenance
kidahinduka

Gushyiraho ibiciro ku buryo budahinduka birabujijwe, ariko umuntu ugeza ibicuruzwa ku baguzi cyangwa ubitunganya ashobora guha ugorisha igiciro atajya munsi, icyo giciro kiba ari icyifujwe ariko atari ntakuka.

Iningo ya 11: Imigenzereze igamije gukumira ihiganwa mu bucruzi

Ikigo cy'ubucruzi kigomba kwirinda ibikorwa cyangwa imiyitwarire ibangamira uburyo bwo kugera ku masoko bibuza mu bundi buryo ihiganwa cyangwa bigira ingaruka mbi mu bucruzi cyangwa mu bukungu muri rusange. Ibyo bikorwa n'imiyitwarire ni ibi bikurikira:

1° kugabanya itunganya ry'ibicuruzwa cyangwa serivisi zitangwa ku isoko mu buryo bubangamiye abaguzi;

2° kugira inyungu mu masezerano n'undi muntu cyangwa ikigo gifite inyungu muri ayo masezerano, cyangwa gushyiraho inshingano z'inyyongera zidafitanye isano n'impamvu y'amasezerano mu miterere yazo cyangwa uruhare zifite mu rwego rw'ubucruzi;

The practice of resale price maintenance shall be prohibited, but a supplier or producer may recommend a minimum resale price to the seller, which price is proposed but subject to change.

Article 11: Practices meant to prevent competition

Enterprises must refrain from the acts or behaviours which limit access to markets or otherwise unduly restrain competition or have adverse effect on trade or the economy in general. Such acts and behaviours are the following:

1° limiting the production of goods or services for the market to the prejudice of consumers;

2° as a party to an agreement, makes the conclusion of such agreement subject to acceptance by another party or supplementary obligations which, by their nature or according to commercial usage, have no connection with the subject of the agreement;

Article 10: Maintien du prix de revente

La pratique du maintien de prix de revente est interdite, mais un fournisseur ou un producteur peut recommander un prix de revente minimum pour le vendeur, lequel prix est proposé mais susceptible de changement.

Article 11: Pratiques visant à empêcher le jeu de la concurrence

Les entreprises doivent s'abstenir d'actes ou comportements qui limitent l'accès aux marchés ou, de toute autre façon restreignent indûment la concurrence ou ont un effet défavorable sur le commerce ou l'économie en général. Ces actes ou comportements sont les suivants :

1° limiter la production des biens ou services pour le marché au préjudice des consommateurs;

2° subordonner, en tant que partie à un accord, la conclusion de cet accord à l'acceptation de l'autre partie ou des prestations supplémentaires qui, par leur nature ou selon les usages commerciaux, n'ont aucun lien avec l'objet de cet accord;

- 3° gusaba umucuruzi ugeza ibicuruzwa ku baguzi cyangwa umuguzi kutagira icyo akorana n'undi muntu upiganwa cyangwa kuma intego;
 - 4° kwanga kugeza ibicuruzwa ku muntu muhuriye mu ihiganwa kandi kubikora bishoboka mu rwego rw'ubukungu;
 - 5° kugurisha ibicuruzwa cyangwa serivisi ari uko umuguzi agombye kugura ibindi bicuruzwa cyangwa kwishyura serivisi zidafitanye isano n'amasezerano cyangwa guhatira umuguzi kwemera ibidahuye n'impamvu z'amasezerano;
 - 6° kugurisha ibicuruzwa cyangwa serivisi ku kiguzi kiri munsi y'agaciro kabyo ntarengwa cyangwa rusange;
 - 7° kugura ibicuruzwa byinshi bidakunze kuboneka bikenerwa mu gutunganya ibindi bicuruzwa cyangwa ibindi bikoresho bikenerwa n'undi muntu uri mu ihiganwa;
 - 8° gukora ibikorwa ibyo ari byo byose by'ubucuruzi bishobora gutuma habaho gukoresha nabi ubushobozi bw'abaguzi cyangwa abacuruzi bagemura ibicuruzwa hagamijwe kubangamira inyungu zitegerezwe ku isoko.
- 3° requiring a supplier or consumer not to deal with a competitor;
 - 4° refusing to supply goods to a competitor when supplying those goods is economically feasible;
 - 5° selling goods or services on condition that the consumer purchases separate goods or services unrelated to a contract or forcing a consumer to accept a condition unrelated to the object of a contract;
 - 6° selling goods or services below their marginal or average variable cost;
 - 7° buying-up a scarce supply of intermediate goods or resources required by a competitor;
 - 8° engaging in any business activity that results in the exploitation of its customers or suppliers so as to frustrate the benefits expected from the market.
- 3° obliger un fournisseur ou un consommateur à ne pas traiter avec un concurrent;
 - 4° refuser de fournir des produits à un concurrent lorsque la fourniture de ces produits est économiquement faisable;
 - 5° vendre des biens ou services à condition que le consommateur achète des biens ou services distincts n'ayant pas de lien avec un contrat ou forcer un consommateur à accepter une condition qui n'a aucun lien avec l'objet d'un contrat;
 - 6° vendre des produits ou services au-dessous de la marge ou la moyenne de leurs coûts variables;
 - 7° racheter la fourniture peu abondante des produits ou ressources intermédiaires requis par un concurrent;
 - 8° se livrer à toute activité ayant pour résultat l'exploitation de ses clients ou fournisseurs, de manière à compromettre les avantages attendus du marché.

Ingingo ya 12: Kubuza ikigo cy'ubucuruzi gifite ubwiganze ku isoko gukora ivangura ry'ibiciro

Igikorwa cy'ikigo cy'ubucuruzi gifite ubwiganze ku isoko kigurisha ibicuruzwa cyangwa serivisi gifatwa nko kuvangura ibiciro mu buryo bubujije iyo:

- 1° bishobora kugira ingaruka ku buryo bugaragara zo gukumira cyangwa kubangamira ihiganwa;
- 2° bifitanye isano no kugurisha, mu buryo bungana, ibicuruzwa cyangwa serivisi biri mu cyiciro kimwe kandi binganya ubwiza ku baguzi batandukanye;
- 3° harimo ivangura muri uko kugura ku bijyanye:
 - a. n'ikiguzi cyishyuwe ku bicuruzwa cyangwa serivisi;
 - b. kugabanyirizwa igiciro, guhabwa igihembo, inyongezo mu buryo ubwo ari bwo bwose cyangwa inguzanyo itanzwe bishingye ku kugeza ibicuruzwa cyangwa serivisi ku baguzi;
 - c. gutanga no kwishyura serivisi zitangwa nyuma yo kugurisha.

Article 12: Prohibition of price discrimination by a dominant enterprise

An action by a dominant enterprise, as the seller of goods or services shall be considered as a prohibited price discrimination, if:

- 1° it is likely to have the effect of substantially preventing or lessening competition;
- 2° it relates to the sale, in equivalent transactions, of goods or services of the same grade and quality to different consumers;
- 3° it involves discrimination between those purchases in terms of:
 - a. the price charged for the goods or services;
 - b. any discount, allowance, rebate or credit given in relation to the supply of goods or services;
 - c. the provision and payment of after-sale services.

Article 12: Interdiction de la discrimination par les prix par une entreprise dominante

Une action d'une entreprise dominante, en tant que vendeur des biens ou services, constitue une discrimination des prix interdite si elle:

- 1° est de nature à avoir pour effet d'empêcher ou réduire de façon significative la concurrence;
- 2° se rapporte à la vente, dans des transactions équivalentes, des biens ou services de même catégorie et de même qualité à différents consommateurs;
- 3° comporte une discrimination entre des achats en fonction :
 - a. du prix facturé pour les biens ou services;
 - b. de toute forme de remise, allocation, rabais, ou crédit accordé en rapport avec la fourniture des biens ou services;
 - c. de la fourniture et du paiement des services après-vente.

Ingingo ya 13: Igihe ivangura ry'ibiciro ryemerwa

Kwita ku baguzi mu buryo butandukanye ntibafatwa nk'ivangura ry'ibiciro ribujijwe iyo ikigo cy'ubucuruzi gifite ubwiganzé ku isoko kigaragaje ko kwita ku baguzi mu buryo bonyuranye:

- 1° bituma habaho gusa inyungu ikwiye ishingiye ku kiguzi cyangwa ku giciro cyo gutunganya ibicuruzwa, kubigeza ku baguzi, kubigurisha, igabanya ry'ibiciro mu gihe cyo kwamamaza, kugeza ibicuruzwa na serivisi ku baguzi ahantu hanyuranye mu buryo no mu bipimo bitandukanye;
- 2° iyo bikozwe mu buryo bw'imigenzereze myiza hagamijwe kubahiriza ibiciro cyangwa inyungu bitangwa n'abari mu ihiganwa;
- 3° iyo bikozwe bishingiye ku mihindagurikire y'ibisabwa bikagira ingaruka ku isoko ry'ibicuruzwa cyangwa serivisi bireba harimo:
 - a. ingamba izo ari zo zose zitewe n'iyangirika ririho cyangwa rishobora kubaho ry'ibicuruzwa byangirika;
 - b. ingamba izo ari zo zose

Article 13: Derogation to the prohibition of price discrimination

Differential treatment of consumers shall not constitute prohibited price discrimination if the dominant enterprise establishes that the differential treatment:

- 1° makes only reasonable allowance for differences in cost or likely cost of manufacture, distribution, sale, promotion or delivery resulting from the differing places to which, methods by which, or quantities in which, goods or services are supplied to different consumers;
- 2° is constituted by doing acts in good faith to meet a price or benefit offered by competitors;
- 3° is in response to changing conditions affecting the market for the goods or services concerned, including:
 - a. any action in response to the actual or imminent deterioration of perishable goods;
 - b. any action relating to the obsolescence of goods;

Article 13: Dérogation à l'interdiction de la discrimination par les prix

Le traitement différent des consommateurs ne constitue pas une discrimination par les prix interdite si l'entreprise dominante prouve que la différence de traitement:

- 1° ne tient compte de façon raisonnable que des différences de coût ou de coût probable de fabrication, de distribution, de vente, de promotion ou de livraison résultant de la diversité des lieux où, par des méthodes au moyen desquelles, ou des quantités dans lesquelles, des biens ou services sont fournis à différents consommateurs;
- 2° consiste à faire des actes de bonne foi pour répondre à un prix ou avantages offerts par des concurrents ;
- 3° est en réponse à un changement des conditions affectant le marché des biens ou services concernés, notamment:
 - a. toute action en réponse à la dégradation effective ou imminente des biens périssables;
 - b. toute action en rapport avec l'obsolescence des biens;

zijyanye no kuba ibicuruzwa
bitakigezweho;

- c. kugurisha bikomotse ku mihangi y'isesa ry'ikigo cyangwa ifatwa ry'ibicuruzwa;
- d. kugurisha nta buriganya bishingiye ku kureka guceruza ibicuruzwa cyangwa gutanga serivisi runaka.
- c. a sale pursuant to a liquidation procedure or sequestration of goods;
- d. the sale in good faith in discontinuance of business in the goods or services concerned.
- c. une vente à la suite d'une procédure de liquidation ou de mise sous séquestre des biens ;
- d. la vente en toute bonne foi en cas de cessation de vente des biens ou services concernés.

Iningo ya 14: Gusaba impushya

Iyo bisabwe n'ikigo cy'ubucuruzi cyangwa mu izina ry'ikigo cy'ubucuruzi, Urwego Ngenzuramikorere rushobora guha icyo kigo uruhushya rwo kugira uruhare mu masezerano, mu mikorere, imigenzerezé, ubwumvikane cyangwa muri kimwe mu byiciro byabyo n'ijo binyuranyije n'amabwiriza y'ihiganwa:

- 1° iyo urwo rwego rugaragaje ko hari inyungu rusange zisumba kuba amasezerano cyangwa ubwumvikane binyuranyije n'amabwiriza y'ihiganwa mu bucruzi;
- 2° mu rwego rwo kurengera abandi bantu bagize nyuma inyungu mu masezerano cyangwa ubwumvikane igithe ibyo biri mu bigamijwe n'urwo ruhushya.

Article 14: Request for authorisation

The Regulatory Body may, upon request by or on behalf of an enterprise, grant an authorisation to the enterprise to take part in agreements, practices, arrangements, understandings or any of their category, even if they are anti-competitive:

- 1° if the Regulatory Body determines that there are public benefits outweighing the anti-competitive detriment of the contract, arrangement or understanding;
- 2° if the authorisation is meant to cover other persons who subsequently become parties to the contract or understanding, as long as that constitutes the purpose of the authorization.

Article 14: Demande d'autorisation

L'Organe de Contrôle peut, à la demande ou au nom d'une entreprise, accorder une autorisation à l'entreprise de participer aux contrats, aux pratiques, aux accords, aux ententes ou à une quelconque de leurs catégories, même s'ils sont anticoncurrentiels, si:

- 1° l'Organe de Contrôle établit qu'il existe des bénéfices d'intérêt général l'emportant sur le préjudice anticoncurrentiel de ce contrat, accord ou entente ;
- 2° l'autorisation est accordée pour couvrir les personnes qui, par la suite, deviennent parties au contrat ou à l'entente, tant que cela constitue l'objet de cette autorisation.

Inyandiko isaba uruhushya igomba kugaragaza ibi bikurikira:

- 1° amazina y'abafite inyungu muri buri masezerano;
- 2° amazina y'abafite inyungu mu masezerano ateganyijwe iyo usaba uruhushya azi ayo mazina mu gihe cyo gusaba urwo ruhushya.

Iyo ikigo cy'ubucuruzi cyemerewe uruhushya, amazina y'abafite inyungu mu masezerano atazwi n'usaba, uruhushya rutangwa haseguriwe ko uruhawe azageza ku Rwego Ngenzuramikorere amazina yose y'abafite inyungu muri ayo masezerano.

Mu gihe uruhushya rugifite agaciro, nta ruhande rufite inyungu mu masezerano cyangwa mu bwumvikane ruzafatwa nk'urutubahiriza ibiteganywa n'iri tegeko igithe rushyira mu bikorwa ibiteganywa n'uruhushya.

UMUTWE WA III: KWIBUMBIRA HAMWE
Ingingo ya 15: Uko kwibumbira hamwe bikorwa

Ibigo by'ubucuruzi biba byibumbiye hamwe iyo:

- 1° ibigo bibiri cyangwa byinshi byishyize hamwe kugira ngo bikore

The request for authorization shall indicate the following:

- 1° the names of the parties to each contract;
- 2° the names of the parties to a proposed contract where those names are known to the applicant at the time of application.

If an enterprise is granted an authorisation while the names of the parties are not known to the applicant, the authorisation shall be granted subject to a condition that the person granted such authorization will furnish to the Regulatory Body the names of all the parties to the contract.

As long as the authorization is still valid, no party to the contract or understanding shall be deemed to violate the provisions of this Law when acting in accordance with the authorization.

CHAPTER III: MERGERS
Article 15: Merger modalities

A merger of enterprises occurs when:

- 1° two or more enterprises join together to form a new enterprise;

La demande d'autorisation doit indiquer ce qui suit:

- 1° les noms des parties à chaque contrat ;
- 2° les noms des parties à un projet de contrat lorsque le requérant connaît ces noms au moment de faire la demande.

Si une entreprise se voit octroyer une autorisation alors que le requérant ne connaît pas les noms des parties, l'octroi de l'autorisation est subordonné à une condition que la personne à laquelle l'autorisation est octroyée fournira à l'Organe de Contrôle les noms de toutes les parties au contrat.

Tant que l'autorisation est encore valable, aucune partie au contrat ou à l'entente ne peut être considérée comme enfreignant les dispositions de la présente loi si elle agit conformément à l'autorisation.

CHAPITRE III : FUSIONS

Article 15: Modalités de fusion

Il y a fusion d'entreprises lorsque :

- 1° deux ou plusieurs entreprises se mettent ensemble pour constituer une entreprise nouvelle ;

ikigo cy'ubucuruzi gishya;

2° ikigo kimwe cyangwa byinshi byishyize hamwe bigahuza imitungo yabyo mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, binyuze mu kugura imigabane igize imari shingiro y'ikindi kigo cy'ubucuruzi cyangwa bimwe mu bigize imitungo yacyo.

Iningo ya 16: Ibisabwa kugira ngo imenyekanisha ryo kwibumbira hamwe rikorwe

Kwibumbira hamwe bigomba kumenyeshwa Urwego ngenzuramikorere, iyo uko kwibumbira hamwe cyangwa umushinga wo kwibumbira hamwe ufite agaciro kangana cyangwa karenze amafaranga fatizo agenwa n'urwo Rwego.

Ariko Urwego ngenzuramikorere rushobora gusaba abafite inyungu mu kwibumbira hamwe kutamenyekanishwa kurumenyeshwa ibyerekeye uko kwibumbira hamwe iyo bigaragara ko uko kwibumbira hamwe gushobora kubuza cyangwa kubangamira ihiganwa cyangwa inyungu rusange. Icyo gihe hakurikizwa ibisabwa mu kwibumbira hamwe kumenyekanishwa.

Iningo ya 17: Imenyekanisha ryo kwibumbira hamwe kugomba kumenyekanishwa

Ufite inyungu mu kwibumbira hamwe kugomba kumenyekanishwa amenyesha

2° one or more enterprises join together and directly or indirectly merge their assets through the purchase of equity shares or part of assets of another company.

2° une ou plusieurs entreprises se mettent ensemble et regroupent ensemble leurs actifs que ce soit directement ou indirectement par une prise de participation au capital ou achat d'éléments d'actifs d'une autre société.

Article 16: Requirements for notification of merger

For the notification of merger to be made to the Regulatory Body such merger or the proposed merger must be based on a threshold of combined annual turnover determined by the Regulatory Body.

However, the Regulatory Body may require parties to a non-notifiable merger to notify it of such merger if there is evidence that such merger may prevent or undermine competition or public interest. In this case, conditions for notifiable merger shall apply.

Article 16: Conditions requises pour la notification de fusion

Pour que la notification de fusion soit faite à l'Organe de contrôle, une telle fusion ou une proposition de telle fusion doit se baser sur un seuil de chiffre d'affaires prescrit par l'Organe de Contrôle.

Toutefois, l'Organe de Contrôle peut obliger des parties à une fusion non soumise à la déclaration obligatoire de l'informer de cette fusion s'il apparaît que cette fusion peut empêcher ou entraver le jeu de la concurrence ou l'intérêt public. Dans ce cas, les conditions de fusion à déclaration obligatoire s'appliquent.

Article 17: Notification of notifiable merger

An interested party to a notifiable merger shall notify the Regulatory Body of that

Article 17: Notification de fusion à déclaration obligatoire

Une partie intéressée par une fusion à déclaration obligatoire notifie à l'Organe de

Urwego ngenzuramikorere ibyerekeye uko kwibumbira hamwe mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhoreye igithe ababifitemo inyungu bafatiye icyemezo cyo kwibumbira hamwe.

Urwego ngenzuramikorere rugaragaza imiterere n'ibigomba kuba bikubiye mu imenyekanisha rivugwa muri iyi ngingo n'amafaranga ya ngombwa atangwa.

Kwibumbira hamwe kumenyekanishwa uko ari ko kose gukozwe mu buryo bunyuranyije n'ibiteganywa n'iri tegeko ntikugira agaciro imbere y'amategeko kandi uburenganzira cyangwa inshingano bitegekwa hashingiwe ku masezerano ayo ariyo yose ajyanye na ko, ntibishobora kubahirizwa.

Bitabangamiye ibiteganywa n'iri tegeko, Urwego ngenzuramikorere rushobora gushyiraho ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi, iyo abafite inyungu mu kwibumbira hamwe batamenyekanishije ibyerekeye uko kwibumbira hamwe, nk'uko biteganywa n'iri tegeko.

Iningo ya 18: Imigendekere y'ishyirwa mu bikorwa ryo kwibumbira hamwe

Abafite inyungu mu kwibumbira hamwe ntibashyira mu bikorwa uko kwibumbira hamwe mbere y'uko Urwego ngenzuramikorere rwemera uko kwibumbira hamwe bishingiye cyangwa bidashingiye ku bisabwa.

Mu rwego rwo kugaragaza niba kwibumbira

merger within thirty (30) days from the parties' decision to merge.

The Regulatory Body shall prescribe the form and content of the notification provided under this Article and required fees.

Any merger notified in manner contrary to the provisions of this Law shall be legally null and void and rights or obligations arising from any agreement pertaining to such a merger shall not be respected.

Without prejudice to the provisions of this Law, the Regulatory Body may impose administrative sanctions if the parties to a merger fail to give notice of such a merger as required by this Law.

Article 18: Proceedings in the implementation of the merger

The parties to a merger shall not implement that merger until it has been approved, with or without conditions, by the Regulatory Body.

For the purposes of determining whether or

Contrôle cette fusion dans les trente (30) jours suivant la décision de fusion par les parties.

L'Organe de Contrôle prescrit la forme et le contenu de la notification visée au présent article et les frais requis.

Toute fusion notifiée d'une manière contraire aux dispositions de la présente loi est légalement nulle et non avenue et les droits ou obligations issus de cette fusion ne peuvent être respectés.

Sans préjudice des dispositions de la présente loi, l'Organe de Contrôle peut imposer des sanctions administratives, si les parties à une fusion ne la déclare pas tel que requis par la présente loi.

Article 18: Procédure dans la mise en œuvre de la fusion

Les parties à une fusion ne mettent en œuvre cette fusion qu'après avoir été approuvée par l'Organe de Contrôle avec ou sans conditions.

Aux fins de déterminer s'il convient ou non

hamwe uko ari ko kose kwakwemezwa cyangwa kutakwemezwa, iyo ari ngombwa, Urwego ngenzuramikorere rukora iperereza iryo ari ryo ryose kugira ngo rusuzume ibyerekeye ihiganwa.

Mbere yo gutangiza iperereza rishingiye ku biteganywa muri iyi ngingo, Urwego ngenzuramikorere rufata ingamba za ngombwa zo kumenyesha ababifitemo inyungu bose, nk'abakozi b'ikigo cy'ubucuruzi cyangwa ababahagarariye. Muri iryo menyekanisha:

- 1° hagaragazwa imiterere y'iperereza riteganyijwe gukorwa;
- 2° hatumirwa ababifitemo inyungu bose bifusa kugeza k'Ubuyobozi bubishinzwe ibyo banenga mu nyandiko cyangwa izindi nyandiko ku bijyanye n'impamvu y'iperereza riteganyijwe.

Mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) y'akazi nyuma y'uko abafite inyungu bose mu kwibumbira hamwe kumenyekanishwa bujuje ibyo basabwa byose bijyanye n'imenyekanisha mu buryo buteganyijwe, Urwego ngenzuramikorere rushobora kongera igehe cyo gusuzuma ukwibumbira hamwe guteganyijwe mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi, kandi igehe rugaha icyemezo cyo kongera igehe ababifitemo inyungu bose bagaragaje ibijyanye

not a merger should be approved, the Regulatory Body may, where necessary, undertake any inquiry to ascertain any competition concerns.

Before embarking on an inquiry provided under this Article, the Regulatory Body shall take all reasonable steps to notify all the relevant parties, such as the employees of the enterprise or their representatives. The notice shall:

- 1° state the nature of the proposed inquiry;
- 2° call upon any interested person who wishes to submit to the authorised body written representations or other documents in regard to the subject matter of the proposed inquiry.

Within thirty (30) working days after all parties to a notifiable merger have fulfilled all their notification requirements in the prescribed manner and form, the Regulatory Body may extend the period in which to consider the proposed merger for a period not exceeding fifteen (15) working days and, in that case, must issue an extension certificate to any party who notified it of the merger.

d'approuver une fusion quelconque, l'Organe de Contrôle peut, si nécessaire, procéder à une enquête afin de vérifier les préoccupations relatives à la concurrence.

Avant de procéder à une enquête prévue au présent article, l'Organe de Contrôle prend toutes les mesures raisonnables pour en informer toutes les parties concernées, notamment les employés de l'entreprise ou leurs représentants. La notification doit:

- 1° indiquer la nature de l'enquête envisagée;
- 2° inviter toute personne intéressée qui souhaite soumettre à l'Organe de Contrôle les déclarations écrites ou autres documents en rapport avec l'objet de l'enquête envisagée.

Dans les trente (30) jours ouvrables après que toutes les parties à une fusion à déclaration obligatoire aient rempli toutes les conditions de la notification de la manière et sous la forme prescrites, l'Organe de Contrôle peut s'accorder un autre délai ne dépassant pas quinze (15) jours ouvrables pour l'examen du projet de fusion. Dans ce cas, il doit délivrer une attestation de délai supplémentaire à toute partie qui l'a informée de cette fusion.

n'ukwibumbira hamwe.

Iningo ya 19: Uko ibyerekeye kwibumbira hamwe bikurikiranwa

Iyo Urwego ngenzuramikorere rusabwe kwiga ibyerekeye kwibumbira hamwe, rubanza kugaragaza niba bishobora kubuza cyangwa kubangamira ihiganwa. Iyo bishobora kuribuza cyangwa kuribangamira, Urwego ngenzuramikorere rugaragaza:

- 1° ko kwibumbira hamwe bishobora gutuma habaho imikorere myiza yo mu rwego rw'ikoranabuhanga cyangwa izindi nyungu zo mu rwego rw'ihiganwa zishobora kuba nyinshi kuruta ingaruka zo kubangamira ihiganwa bitewe n'ukwibumbira hamwe kandi zataboneka iyo kwibumbira hamwe kubujije;
- 2° niba kwibumbira hamwe gufitiye rubanda akamaro bishingiye ku nyungu rusange.

Iningo ya 20: Ibigenderwaho mu isuzuma ryo kwibumbira hamwe

Mu rwego rwo kugaragaza ko kwibumbira hamwe bishobora kugira ingaruka zo kubuza cyangwa kubangamira ihiganwa ku isoko ku buryo bugaragara, Urwego ngenzuramikorere rwita ku bintu byose bijyanye n'ihiganwa ku isoko, harimo ibikurikira:

Article 19: Merger investigation procedure

Article 19: Procédure d'enquête sur la fusion

When the Regulatory Body is required to consider a merger, it shall initially determine whether or not the merger is likely to prevent or undermine competition. If such a merger may prevent or undermine competition, the Regulatory Body shall determine whether:

- 1° the merger is likely to result in any technological efficiency or other competitive gains which may be greater than the effects of any prevention of competition that result from the merger and which would not likely be obtained if the merger is prevented;
- 2° the merger can be justified on substantial public interest grounds.

Article 20: Criteria for appreciation of the merger

When determining whether the merger is likely to have the effect of substantially preventing or lessening competition in the market, the Regulatory Body shall take into account any factor relevant to competition in that market, including the following:

Lorsque l'Organe de Contrôle doit examiner une fusion, il détermine d'abord si la fusion est ou n'est pas de nature à empêcher ou à entraver la concurrence. Lorsque la fusion peut empêcher ou entraver la concurrence, l'Organe de Contrôle détermine si:

- 1° la fusion est de nature à aboutir à une efficacité technologique ou à d'autres avantages concurrentiels qui peuvent dépasser les effets de toute entrave à la concurrence qui résulte de cette fusion et qui ne seraient probablement pas obtenus en cas de prévention de la fusion ;
- 2° la fusion peut être justifiée par des motifs d'intérêt public.

Article 20: Critères d'appréciation de fusion

Lorsqu'il détermine si la fusion est de nature à avoir pour effet d'empêcher ou de réduire sensiblement la concurrence sur le marché, l'Organe de Contrôle tient compte de tout facteur indispensable à la concurrence sur ce marché, notamment ce qui suit:

- | | | |
|---|---|--|
| 1° ikigero nyakuri cyangwa gishoboka cy'ihiganwa ku isoko mu rwego rw'ibicuruzwa bitumizwa mu mahanga; | 1° the actual or potential level of import competition in the market; | 1° le niveau réel ou potentiel de la concurrence des importations sur le marché; |
| 2° kugera ku masoko nta nzitizi zo mu rwego rw'ibiciro cyangwa amategeko; | 2° free entry into the market without tariff or regulatory barriers; | 2° le libre accès sur le marché sans les barrières tarifaires ou réglementaires; |
| 3° ikigero cy'ibyo abacuruzi bibandaho n'ibyerekeye imigendekere y'ubufatanye mu bucruzi; | 3° the level of preference in products by the suppliers and status of business partnership; | 3° le niveau de produits privilégiés par des fournisseurs et l'état du partenariat commercial ; |
| 4° ikigero cy'ubushobozi bwo kubona ingurane ku masoko; | 4° the degree of countervailing power in the market; | 4° le degré du pouvoir compensateur sur le marché; |
| 5° kuba kwibumbira hamwe gushobora kubahesha ubwiganze ku isoko; | 5° the likelihood that the merger would result in the parties having a dominant position; | 5° la probabilité qu'une fusion puisse permettre d'acquérir une position dominante sur le marché; |
| 6° ibintu biranga isokobihindagurika birimo ubwiyongere, uburyo bushya no kunyuranya ibicuruzwa; | 6° the dynamic characteristics of the market including growth, innovation and product differentiation; | 6° les caractéristiques dynamiques du marché, y compris la croissance, l'innovation et la différenciation des produits; |
| 7° imiterere n'ikigero cyo kwishyira hamwe ku masoko; | 7° the nature and level of merger in the market; | 7° la nature et le niveau de la fusion sur le marché; |
| 8° gihamya y'uko ubucuruzi cyangwa bimwe mu bikorwa by'ubucuruzi bibumbiwe hamwe cyangwa bitezanyijwe kubumbirwa hamwe bitagezweho cyangwa bidashobora kugerwaho; | 8° the assurance that the business or part of the business merged or proposed for a merger has been concluded or is not likely to be concluded; | 8° la certitude que les actes de commerce ou certains d'entre eux ayant fait l'objet de fusion ou prévus pour la fusion n'ont pas été réalisés ou ne peuvent pas être réalisés ; |

9° gihamya y'uko niba kwibumbira hamwe bizigizayo abafite imikorere myiza mu ihiganwa ku masoko.

Iningo ya 21: Kwibumbira hamwe bibangamiye inyungu rusange

Kwibumbira hamwe biba bibangamiye inyungu rusange iyo Urwego ngenzuramikorere rubonye ko:

- 1° kwagabanyije cyangwa gushobora kugabanya ku buryo bugaragara ikigero cy'ihiganwa mu rwego rw'ubukungu cyangwa mu gihugu cyangwa mu karere;
- 2° kwatumye habaho cyangwa gushobora gutuma habaho ubwiganze ku isoko bubangamira inyungu rusange;
- 3° kwashobora kugira ingaruka mbi mu buryo bugaragara mu itangwa ry'umurimo ku kazi;
- 4° gushobora kugira ingaruka mbi ku bushobozi bw'ibigo by'ubucuruzi bito bwo kubasha guhiganwa;
- 5° gufite cyangwa gushobora kugira ingaruka mbi ku bushobozi bw'inganda zo mu gihugu bwo guhiganwa ku masoko mpuzamahanga.

9° the assurance that the merger will result in the exclusion of the honest competitors on the market.

Article 21: Merger contrary to public interest

A merger shall be contrary to the public interest if the Regulatory Body is satisfied that the merger:

- 1° has reduced substantially or is likely to reduce substantially the degree of competition in the economic sector or at country or regional level;
- 2° has resulted or is likely to result in a dominant position which is contrary to the public interest;
- 3° is likely to have a substantial negative effect on employment;
- 4° is likely to have a negative effect on the ability of small enterprises to become competitive;
- 5° has or is likely to have a negative effect on the ability of national industries to compete in international markets.

9° la certitude que la fusion aura pour conséquence d'écartier du marché des concurrents loyaux.

Article 21: Fusion contraire à l'intérêt public

La fusion est contraire à l'intérêt public si l'Organe de Contrôle est convaincu que la fusion :

- 1° a sensiblement réduit ou est de nature à réduire sensiblement le degré de concurrence dans le secteur économique ou au niveau du pays ou dans la région;
- 2° a entraîné ou est susceptible d'entraîner une position dominante qui est contraire à l'intérêt public;
- 3° est de nature à avoir un effet négatif considérable sur l'emploi;
- 4° est de nature à avoir un effet négatif sur la capacité compétitive de petites entreprises ;
- 5° a ou est de nature à avoir un effet négatif sur la capacité compétitive des industries nationales sur les marchés internationaux.

Ingingo ya 22: Ibigenderwaho mu isuzuma ryo kwibumbira hamwe kubangamiye inyungu rusange

Kugira ngo rugaragaze niba kwibumbira hamwe kubangamiye cyangwa gushobora kubangamira inyungu rusange, Urwego ngenzuramikorere rwita ku bibazo byose rubona ko ari ngombwa by'umwihariko rukita kuri ibi bikurikira:

- 1° gushyigikira no guteza imbere imikorere myiza y'ihiganwa hagati y'abantu batunganya cyangwa bageza ku baguzi ibicuruzwa na serivisi mu Rwanda;
- 2° gushyigikira inyungu z'abaguzi n'abandi bakoresha ibicuruzwa mu Rwanda ku byerekeye ibiciro, ubwiza n'ubunyurane bw'ibyo bicuruzwa na serivisi;
- 3° gushyigikira, binyuze mu ihiganwa, igabanya ry'ikiguzi no gutunganya ibicuruzwa bishya;
- 4° koroshyu uburyo bwo kugira uruhare mu ihiganwa ku bacuruzi bashya ku masoko ariho.

Article 22: Criteria for appreciation of a merger contrary to the public interest

In order to determine whether a merger is or is likely to be contrary to the public interest, the Regulatory Body shall take into account all matters that it considers relevant in the circumstances and especially have regard to the following:

- 1° maintaining and promoting effective competition between persons producing or distributing goods and services in Rwanda;
- 2° promoting the interests of consumers and other users of goods in Rwanda, with regard to the prices, quality and variety of such goods and services;
- 3° promoting through competition, the reduction of costs and the development of new commodities;
- 4° facilitating the entry of new competitors into existing markets.

Article 22 : Critères d'appréciation d'une fusion contraire à l'intérêt public

Pour pouvoir déterminer si une fusion est ou est susceptible d'être contraire à l'intérêt public, l'Organe de Contrôle tient compte de toutes les questions qu'elle juge pertinentes dans les circonstances et veille particulièrement à ce qui suit:

- 1° maintenir et promouvoir une concurrence effective entre les personnes produisant ou distribuant des biens et des services au Rwanda ;
- 2° promouvoir les intérêts des consommateurs et d'autres utilisateurs des biens au Rwanda, en ce qui concerne les prix, la qualité et la variété de ces biens et services;
- 3° promouvoir, à l'aide de la concurrence, la réduction des coûts et le développement de nouveaux produits;
- 4° faciliter l'entrée de nouveaux concurrents sur les marchés existants.

Iningo ya 23: Ingamba zo kurwanya kwibumbira hamwe kubangamiye inyungu rusange

Iyo Urwego ngenzuramikorere rusanzé ko kwibumbira hamwe kuriho cyangwa guteganyijwe gushobora kubangamira inyungu rusange, rufata icyemezo kimwe cyangwa byinshi mu byemezo bikurikira:

- 1° gutangaza ko kwibumbira hamwe kutemewe n'amategeko, uretse mu buryo no ku mpamvu bishobora kuba biteganyijwe mu cyemezo;
- 2° kuba cyangwa kugabanya uburyo bwo kubona ikigo cy'ubucuruzi cyangwa imwe mu mitungo yacyo ku muntu uwo ari we wese uvugwa mu cyemezo, cyangwa ibikorwa by'ubo muntu byose bishobora gutuma abona uwo mutungo, iyo Urwego ngenzuramikorere rusanga kubona uwo mutungo bishobora gutuma habaho kwibumbira hamwe;
- 3° gusaba ko iyo habayeho kwibumbira hamwe, abafite inyungu mu kwibumbira hamwe bose bavugwa mu cyemezo bubahiriza ibibujije n'ingamba zikumira ku bijyanye n'uburyo bakora ibikorwa by'ubucuruzi nk'uko biteganyijwe mu cyemezo;

Article 23: Measures against a merger contrary to the public interest

If the Regulatory Body is convinced that an actual or proposed merger may be contrary to the public interest, it may take one or more of the following decisions:

- 1° declaring the merger unlawful, except to such extent and in such circumstance as may be provided under the decision;
- 2° prohibiting or restricting the acquisition by any person named in the decision of the whole or part of an enterprise or the assets of an enterprise, or the doing by that person of anything which may result in such an acquisition, if the acquisition is likely, in the Regulatory Body's opinion, to lead to a merger;
- 3° requiring that if any merger takes place, any party to the merger who is named in the decision shall observe prohibitions and restrictions in regard to the manner in which he/she carries on business as specified in the decision;

Article 23: Mesures contre une fusion contraire à l'intérêt public

Lorsque l'Organe de Contrôle est convaincu qu'une fusion réelle ou proposée peut être contraire à l'intérêt public, il peut prendre une ou plusieurs des décisions ci-après:

- 1° déclarer la fusion illégale, sauf dans la mesure et dans les circonstances pouvant être prévues par la décision;
- 2° interdire ou limiter l'acquisition par une personne nommée dans la décision de l'ensemble ou d'une partie d'une entreprise ou des éléments d'actifs d'une entreprise, ou l'exécution par cette personne de toute chose pouvant permettre une telle acquisition, si l'acquisition est de nature, d'après l'Organe de contrôle, à conduire à une fusion;
- 3° exiger que, lorsqu'une fusion quelconque a lieu, toute partie à la fusion qui est nommée dans la décision soit tenue de respecter les interdictions et restrictions en rapport avec la manière dont elle exerce les activités commerciales stipulées dans cette décision;

4° gushyiraho izindi ngamba zose Urwego ngenzuramikorere rubona ko zifite ishingiro kandi ari ngombwa mu guhagarika cyangwa gukumira kwibumbira hamwe cyangwa kugabanya ingaruka zabyo.

Iningo 24: Ingaruka ku cyemezo cyafashwe mu kurwanya kwibumbira hamwe kubangamiye inyungu rusange

Icyemezo gifatwa ku bijyanye no kwibumbira hamwe hakurikijwe ibikubiye mu ngingo ya 23 y'iri tegeko gishobora guteganya ibi bikurikira:

1° guhindura cyangwa kwegurira umutungo, uburenganzira, imyenda n'ishingano;

2° gusubira mu masezerano byaba mu buryo bwo kuyarangiza, mu kugabanya inshingano, mu bisabwa cyangwa mu bundi buryo ubwo ari bwo bwose;

3° gushyiraho, gutanga, guharira no gutakaza bimwe mu bigize imigabane n'umutungo;

4° gushyiraho cyangwa gusesa ikigo cy'ubucuruzi icyo ari cyo cyose cyangwa guhindura amategeko shingiro n'andi masezerano yose agenga ikigo cy'ubucuruzi.

4° taking all other measures that, in the opinion of the Regulatory Body, are reasonable and necessary to terminate or prevent the merger or alleviate its effects.

Article 24: Consequences related to the decision taken to prevent a merger contrary to the public interest

A decision taken in terms of merger in accordance with provisions of Article 23 of this Law may provide for the following:

1° the transfer or vesting of property, rights, liabilities and obligations;

2° the adjustment of contracts, whether by their discharge or reduction of any liability or obligation or otherwise;

3° the creation, allotment, surrender or cancellation of any shares, stocks or securities;

4° the establishment or winding up of any enterprise or the amendment of the memorandum or articles of association or any other instrument regulating an enterprise.

4° prendre toutes les autres dispositions qui, d'après l'Organe de Contrôle, sont raisonnables et nécessaires pour arrêter ou empêcher la fusion ou atténuer ses effets.

Article 24 : Conséquences liées à la décision prise en vue d'empêcher une fusion contraire à l'intérêt public

Une décision prise en matière de fusion conformément aux dispositions de l'article 23 de la présente loi peut prévoir ce qui suit:

1° le transfert ou la dévolution des biens, des droits, des responsabilités et des obligations;

2° l'adaptation des contrats, que ce soit quant à leur exécution ou à la réduction d'une responsabilité ou d'une obligation quelconque ou autrement;

3° la création, l'attribution, la renonciation ou l'annulation de parts, d'actions ou de valeurs mobilières quelconques ;

4° la formation ou la liquidation d'une entreprise quelconque ou la modification de l'acte constitutif ou des statuts ou de tout autre instrument régissant une entreprise.

**Iningo ya 25: Kumenyekanisha,
guhindura cyangwa gukuraho icyemezo**

Icyemezo kigomba kuba cyanditse kandi
kikamenyeshwa buri wese kireba.

Urwego ngenzuramikorere rushobora
guhindura cyangwa gukuraho icyemezo igihe
cyose bigaragaye ko cyafashwe bishingiye ku
makuru atari yo bitewe n'umwe mu bafite
inyungu mu kwibumbira hamwe, byaremejwe
bishingiye ku buriganya cyangwa kuba ikigo
cy'ubucuruzi kirebwa n'icyemezo
kitarubahirije inshingano zижyanye
n'icyemezo.

**UMUTWE WA IV: GUKORA
IPEREREZA**

**Iningo ya 26: Gusaba ko hakorwa
iperereza**

Ishyirahamwe ry'abaguzi iryo ari ryo ryose
cyangwa undi muntu uwo ari we wese
ashobora gusaba Urwego ngenzuramikorere
ko habaho iperereza iyo afite impamvu abona
ko ibikorwa by'ikigo cy'ubucuruzi bigira
ingaruka cyangwa bishobora kugira ingaruka
zabangamira ihiganwa.

Gusaba ko hakorwa iperereza bikorwa mu
nyandiko cyangwa mu magambo
bigashyikirizwa Urwego ngenzuramikorere.

**Article 25: Notification, amendment or
revocation of the decision**

The decision shall be in writing and notified
to every person concerned.

The Regulatory Body may amend or revoke a
decision at any time if it appears that the
decision was based on incorrect information
for which a party to the merger is responsible,
that the approval of the merger was obtained
by deceit or an enterprise concerned has
breached an obligation attached to the
decision.

**CHAPTER IV: CONDUCT
INVESTIGATION**

Article 26: Request for investigation

Any consumer association or any other person
may request for investigation to the
Regulatory Body where he/she has reason to
believe that activities by an enterprise have
the effect or are likely to have the effect of
restricting competition.

The request for investigation shall be either
written or oral and be submitted to the
Regulatory Body.

**Article 25: Notification, modification ou
révocation de la décision**

La décision doit être consignée par écrit et
notifiée à toute personne concernée.

L'Organe de Contrôle peut modifier ou
révoquer une décision à tout moment s'il ressort
que la décision s'est basée sur des informations
inexactes dont une partie à la fusion est
responsable, que l'approbation de la fusion a été
obtenue frauduleusement ou qu'une entreprise
en cause a violé une obligation imposée par la
décision.

**CHAPITRE IV: REALISATION D'UNE
ENQUETE**

Article 26: Demande d'enquête

Toute association de consommateurs ou toute
autre personne peut demander une enquête à
l'Organe de Contrôle lorsqu'elle a des raisons
de croire que les activités d'une entreprise ont
un effet, ou sont de nature à avoir un effet de
restreindre la concurrence.

La demande d'enquête doit être écrite ou
verbale et est soumise à l'Organe de Contrôle.

Iningo ya 27: Kujya inama n'abasabye ko hakorwa iperereza

Urwego ngenzuramikorere iyo rushyikirijwe ikibazo rujya inama n'abasabye ko hakorwa iperereza n'abandi bafite inyungu mu masezerano kandi rushingiye kuri izo nama rukagaragaza ko iperereza rikorwa riri mu bubasha bw'Urwego ngenzuramikorere ruhabwa n'amategeko, iperereza rifite ishingiro ku bijyanye n'impamvu zose z'ikibazo.

Kujya inama bikorwa mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku itariki icyifuzu cyo gukora iperereza cyatanzwe uretse igihe Urwego ngenzuramikorere rugaragaje ko hakenewe igihe gisumbijeho kandi rukabimenesha ababifitemo inyungu. Icyo gihe gisumbijeho ntigishobora kurenga iminsi cumi n'itanu (15) y'inrongera uhereye ku itariki Urwego ngenzuramikorere rwabimenesherejeho ababifitemo inyungu.

Iningo ya 28: Gusaba ko amakuru agirwa ibanga

Umntu ugejeje amakuru ku Rwego ngenzuramikorere ashobora kugaragaza ko yifuza ko amakuru akwiye kugirwa ibanga.

Urwego ngenzuramikorere rushyiraho uburyo bwo gukoresha ayo makuru uwayatanze atabangamiwe.

Article 27: Consultations with persons who requested for investigation

Upon receipt of a request, the Regulatory Body shall consult with persons who requested for investigation and other interested parties and shall determine on the basis of such consultations whether the investigation is within the jurisdiction of the Regulatory Body and justified in all the circumstances of the case.

The consultations shall be concluded within thirty (30) days following the date of the request for investigation, unless the Regulatory Body has determined that a longer period is necessary and has so notified the parties. The additional period shall not exceed fifteen (15) days from the date of notification of parties by the Regulatory Body.

Article 28: Request for confidentiality

When providing informations to the Regulatory Body, a person may demonstrate his/her wish that informations should be confidential.

The Regulatory Body shall establish the procedure of using that information without causing any prejudice to the informer.

Article 27: Consultations des personnes ayant demandé une enquête

Après la réception de la demande, l'Organe de Contrôle consulte ceux qui ont demandé une enquête et d'autres parties intéressées et détermine sur base de ces consultations, si l'enquête est de la compétence de l'Organe de Contrôle et qu'elle est justifiée dans toutes les circonstances de l'affaire.

Les consultations sont menées dans un délai de trente (30) jours suivant la date de réception de la demande d'enquête, sauf si l'Organe de Contrôle a établi qu'un délai plus long est nécessaire, et s'il en a informé les parties. Le délai supplémentaire ne peut pas dépasser quinze (15) jours à compter de la date de la notification des parties par l'Organe de contrôle.

Article 28: Demande de confidentialité

Une personne peut, lors de la transmission d'informations à l'Organe de contrôle, exprimer son souhait que ces informations soient confidentielles.

L'Organe de Contrôle met en place la procédure d'utilisation de ces informations sans porter préjudice à l'informateur.

Iningo ya 29: Uko iperereza rikorwa n'Urwego ngenzuramikorere

Iyo Urwego ngenzuramikorere rwemeje gukora iperereza rugomba:

- 1° kubimenyesha ababifitemo inyungu;
- 2° kurangiza iperereza mu gihe kitarenze iminsi mirongo icyenda (90) uhereye ku itariki yabisabiweho;
- 3° iyo hari impamvu, rwongera igehe cyo gukora iperereza rukabimenesha ababifitemo inyungu.

Iyo Urwego ngenzuramikorere, rushingiye ku iperereza, rwemeje ko habayeho kutubahiriza ibiteganywa n'iri tegeko, rumenyesha abo bireba kandi rukabaha uburyo bwo kurengera inyungu zabo.

Iningo ya 30: Abakozi bashinzwe iperereza

Urwego ngenzuramikorere rushobora guha bamwe mu bakozi barwo inshingano zo gukora iperereza hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.

Abakozi bashinzwe iperereza bashyira mu bikorwa inshingano zabo hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko bishingiye no ku mabwiriza bahabwa n'Urwego ngenzuramikorere.

Article 29: Investigation procedure by the Regulatory Body

Where the Regulatory Body decides to conduct investigation, it shall:

- 1° notify the interested parties;
- 2° complete the investigation within ninety (90) days from the date of the request;
- 3° where the circumstances so warrant, extend the time period for completion of the investigation and notify the interested parties.

Where the Regulatory Body decides, following an investigation, that there has been a violation of provisions of this Law, it shall notify the interested parties and afford them an opportunity to defend their interests.

Article 30: Investigative officers

The Regulatory Body may designate some of its staff to serve as investigative officers by virtue of the provisions of this Law.

Investigative officers discharge their duties in accordance with provisions of this Law subject to such directions as the Regulatory Body may give them.

Article 29: Procédure d'enquête par l'Organe de contrôle

Lorsque l'Organe de Contrôle décide de mener une enquête, il doit:

- 1° en informer les parties intéressées;
- 2° terminer l'enquête endéans quatre-vingt – dix (90) jours à compter de la date de la demande ;
- 3° prolonger le délai pour l'achèvement de l'enquête lorsque les circonstances le justifient et en informer les parties intéressées.

Lorsque l'Organe de Contrôle décide, à la lumière d'une enquête, qu'il y a eu violation des dispositions de la présente loi, il en informe les parties concernées et leur donne l'opportunité de défendre leurs intérêts.

Article 30: Enquêteurs

L'Organe de Contrôle peut désigner certains de ses agents pour servir d'enquêteurs en vertu des dispositions de la présente loi.

Les enquêteurs s'acquittent de leurs fonctions conformément aux dispositions de la présente loi et suivant les directives que l'Organe de Contrôle peut leur donner.

Urwego ngenzuramikorere ruhesha buri mukozi ushinzwe iperereza icyemezo cy'imrimo ihawe uwo mukozi ashobora kwerekana igithe abisabwe n'umuntu uwo ari we wese ubifitemo inyungu mbere yo gushyira mu bikorwa inshingano izo ari zo zose hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.

Iningo ya 31: Ububasha bw'abakozi bashinzwe iperereza

Umukozi ushinzwe iperereza kandi ubifitiye icyemezo ashobora:

- 1° kwinjira mu nyubako iyo ariyo yose ikekwaho kuba ifitanye isano n'amakuru ashakwa;
- 2° gusaba buri muntu wese uri muri iyo nyubako gutanga amakuru yose azi.

Iningo ya 32: Imenyesha ry'imyanzuro y'iperereza

Iyo iperereza rirangiye, Urwego ngenzuramikorere rumenyesha ikigo cy'ubucuruzi ibyemezo rwafashe rushingiye ku myanzuro y'iperereza.

Mu gihe cy'iminsi makumyabiri (20) ikurikira imenyesha rivugwa mu gika kibanziriza iki, icyo kigo gishobora gusubiza Urwego ngenzuramikorere kigaragaza ko kitemera imyanzuro y'iperereza.

The Regulatory Body shall cause every investigative officer to be furnished with a certificate of appointment, which the investigative officer shall exhibit on demand by any interested person before carrying out any function by virtue of provisions of this Law.

Article 31: Powers of investigative officers

An authorised investigative officer may:

- 1° enter any premises which is suspected to be linked to the information being sought;
- 2° require any person who is in the premises to provide all information at his/her disposal.

Article 32: Notification of investigation findings

At the end of investigation, the Regulatory Body shall notify the enterprise of its decisions taken based on investigation findings.

Within twenty (20) days following the notification provided under the preceding Paragraph, the concerned enterprise may respond to the Regulatory Body to express its disagreement with investigation findings.

L'Organe de Contrôle facilite chaque enquêteur à obtenir une attestation de nomination que cet enquêteur exhibe à la demande de toute personne intéressée avant de procéder à l'exécution de toute fonction en vertu des dispositions de la présente loi.

Article 31: Pouvoirs des enquêteurs

Un enquêteur autorisé peut :

- 1° entrer dans tous les locaux soupçonnés d'être en rapport avec l'information recherchée ;
- 2° demander à toute personne se trouvant sur ces lieux de fournir toutes les informations à sa disposition.

Article 32: Notification des conclusions de l'enquête

A la fin de l'enquête, l'Organe de Contrôle informe l'entreprise de ses décisions prises sur base des conclusions de l'enquête.

Dans les vingt (20) jours suivant la notification visée au paragraphe précédent, l'entreprise concernée peut répondre à l'Organe de Contrôle pour contester les conclusions de l'enquête.

Iyo icyo kigo kidashubije mu gihe giteganyijwe, Urwego ngenzuramikorere rushobora gutanga ibihano biteganywa n'iri tegeko cyangwa, rushingiye ku mwanzuro rwafashe, rutegeka icyo kigo:

1° guhita gihagarika imyitwarire itemewe n'amategeko;

2° gufata ingamba Urwego ngenzuramikorere rubona ko ari ngombwa kugira ngo zivaneho cyangwa zigabanye ingaruka z'yo myitwarire itemewe n'amategeko.

Iyo ikigo cy'ubucuruzi kitishimiye ibyemezo byafashwe n'Urwego ngenzuramikorere gishobora kugeza ikibazo mu nkiko.

UMUTWE WA V: KURENGERA ABAGUZI

Iningo ya 33: Inshingano yo guha umuguzi amakuru

Bitarenze igihe cyo gukora amasezerano y'igurisha, ugurisha wabigize umwuga agomba guha umuguzi amakuru y'ukuri kandi akenewe yerekeye imiterere y'igicuruzwa cyangwa ya serivisi ndetse n'ibisabwa mu masezerano hitawe ku buryo umuguzi yagaragaje ko akeneye amakuru kimwe n'icyo yavuze ko azakoresha igicuruzwa cyangwa cyateganywa mu buryo bwumvikana.

If the enterprise fails to respond within the required timeframe, the Regulatory Body may impose sanctions provided under this Law or base on its decision to order such an enterprise to:

1° immediately cease unlawful conduct;

2° take all measures which the Regulatory Body considers necessary to remove or reduce the effect of this illegal conduct.

In case the enterprise is not satisfied with the decisions taken by the Regulatory Body it may refer the issue to the courts.

CHAPTER V: CONSUMER PROTECTION

Article 33: Obligation to inform the consumer

No later than the time of the conclusion of a sale contract, the seller must provide the consumer with correct and necessary information on the characteristics of the product or service and conditions of contract considering the need for information expressed by the consumer and given the reported use by the consumer or reasonably foreseeable use.

Si l'entreprise ne répond pas dans le délai prescrit, l'Organe de Contrôle peut imposer des sanctions prévues par la présente loi ou ordonner, sur base de sa décision, à cette entreprise de:

1° cesser immédiatement le comportement illégal;

2° prendre toutes les mesures que l'Organe de Contrôle estime nécessaires pour supprimer ou diminuer l'effet de ce comportement illégal.

Au cas où l'entreprise n'est pas satisfaite des décisions prises par l'Organe de contrôle, elle peut saisir les juridictions.

CHAPITRE V: PROTECTION DES CONSOMMATEURS

Article 33: Obligation d'informer le consommateur

Au plus tard au moment de la conclusion du contrat de vente, le vendeur doit fournir au consommateur les informations correctes et nécessaires relatives aux caractéristiques du produit ou du service et aux conditions du contrat, tenant compte du besoin d'information exprimé par le consommateur et de l'usage déclaré par le consommateur ou raisonnablement prévisible.

Ingingo ya 34: Ibangamirwa ry'umuguzi

Umuguzi aba abangamiwe igithe cyose mu masezerano yakozwe hatabayeho uburinganire ku buryo bugaragara hagati y'uburenganzira n'insingano y'abagiranye amasezerano.

Zimwe mu mpamvu zifatwa nk'izibangamira umuguzi ni izi zikurikira:

- 1° iyo umuguzi yemeye ingingo z'amasezerano zitari mu nyandiko cyangwa ziri mu yindi nyandiko itaravuzwe mu buryo butaziguye mu gihe cyo kugirana amasezerano kandi atamenye mbere yo gukora amasezerano;
